



REPUBULIKA Y'U RWANDA  
KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA



**ITANGAZO**

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye amatora yo gusimbuza Umujyanama mu nama Njyanama y'Akarere ka KAMONYI watowe mu bajyanama batanu b'abagore bangana nibura na 30% by'abagize Inama Njyanama y'Akarere;

**Kwakira kandidatire ni guhera tariki ya 11/11/2023 kugeza 19/11/2023.**

Utanga Kandidatire agomba kuba ari Umunyarwanda wujuje nibura imyaka 21 y'amavuko udafite imizero iteganywa n'Itegeko Ngenga rigenga amatora.

Ibaruwa itanga Kandidatire yandikirwa Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, igomba kugaragaza ibi bikurikira:

- ❖ Amazina y'Umukandida,
- ❖ Igihe n'aho yavukiye,
- ❖ Umurimo akora n'aho aba,
- ❖ Umwanya yiyamamariza n'akarere yiyamamarizamo.

**Izindi nyandiko zisabwa utanga Kandidatire**

- ❖ Umwirondoro (CV);
- ❖ fotokopi y'ikarita ndangamuntu cyangwa iy'ikindi cyemezo kigaragaza ko ari Umunyarwanda gitangwa n'inzeho zibifitiye ububasha;
- ❖ fotokopi y'impamyabumenyi iriho umukono wa Noteri;
- ❖ amafoto abiri magufi y'amabara;
- ❖ icyemezo kigaragaza ko umuntu atakatiwe cyangwa yakatiwe n'Inkiko, kitarengeje amezi atandatu gitangwa n'urwego rw'Igihugu rubifitiye ububasha;
- ❖ inyandiko ye yashyizeho umukono cyangwa igikumwe yemeza ko inyandiko yasabwe kandi yatanze ari ukuri.

**Icyitonderwa:** Kandidatire zizatanga hifashishijwe ikoranabuhanga kuri email: [kandidatire2023@nec.gov.rw](mailto:kandidatire2023@nec.gov.rw) cyangwa igatangwa mu nyandiko ku biro bya Komisiyo mu Karere ka KAMONYI

Bikorewe i Kigali ku wa 10/11/2023

*for. [Signature]*  
GASINZIRE W. Oda

Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora



**Charles MUNYANEZA**  
Executive Secretary,  
National Electoral Commission

Charles MUYANETA  
E-convict  
National Institute of Corrections

